Republic of Rwanda

NISR
NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA WERURWE 2026

10 MATA 2026

*NISR © 2025 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0*

*Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda*

*Tel: +250 788 383103*

*Imeyili: info@statistics.gov.rw*

*Urubuga: www.statistics.gov.rw*

*Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:*

*Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.*

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Muri Werurwe 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9,2% ugereranyije na Werurwe 2025. Muri Gashyantare 2026 naho byari byiyongereyeho 9,2%.

Muri Werurwe 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 17,8%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 14,6%, ibiciro by'ibijyanye n'ubuvuzi byiyongereyeho 71%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 7,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 19,4%.

Ugereranyije Werurwe 2026 na Gashyantare 2026, ibiciro byiyongereyeho 1,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,9%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 1,9%.

Ugereranyije Werurwe 2026 na Werurwe 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 9,4%.

## B. Ibiciro mu byaro

Muri Werurwe 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 6,7% ugereranyije na Werurwe 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2026 byari byiyongereyeho 7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Werurwe 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 12%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 7,3% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 16,5%.

Ugereranyije Werurwe 2026 na Gashyantare 2026, ibiciro byiyongereyeho 1,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,7% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,3%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Werurwe 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 7,7% ugereranyije na Werurwe 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Gashyantare 2026 byari byiyongereyeho 7,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Werurwe 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 13,8%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 10,6%, n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 18,1%.


© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda /CPI Werurwe 2026- N° 3

Ugereranyije Werurwe 2026 na Gashyantare 2026, ibiciro byazamutseho 1,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,4% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,3%.

***Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2025 kugeza muri Werurwe 2026.***

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2025 | | | | | | | | | | 2026 | | |
| | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 6,5 | 6,3 | 6,9 | 7,0 | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 | 8,9 | 9,2 | 9,2 |
| Mu byaro | 3,9 | 6,9 | 8,2 | 9,2 | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 | 6,5 | 7,0 | 6,7 |
| Mu Rwanda | 4,9 | 6,6 | 7,7 | 8,3 | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 | 7,5 | 7,9 | 7,7 |
| **Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi** | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 1,3 | 1,2 | 0,6 | -0,2 | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 | 1,3 | 0,9 | 1,3 |
| Mu byaro | 2,2 | 3,0 | -0,4 | 0,1 | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 | 0,1 | 1,4 | 1,9 |
| Mu Rwanda | 1,9 | 2,3 | 0,0 | 0,0 | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 | 0,6 | 1,2 | 1,7 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

+250 788 38 3103
www.statistics.gov.rw
info@statistics.gov.rw